REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
BP 41 NYANZA
TEL 252533385 FAX 252 533380
E-mail: south@southernprovince.gov.rw

Nyanza, ku wa 17/01/2020
N° 0331/07-02

**Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka KAMONYI**
**KAMONYI**

**Impamvu** : Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KAMONYI yateranye ku wa 30 Ukuboza 2019

Bwana Perezida,

Nyuma yo gusuzuma ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye ku itariki ya 30 Ukuboza 2019 bikatugeraho ku itariki ya 14 Mutarama 2020; turabashimira ibyemezo byafashwe tukaba tubasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

INTARA Y'AMAJYEPFO

**CG GASANA K. Emmanuel**
**Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**

**Bimenyeshejwe** :
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi
  **KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 30 UKUBOZA 2019 No.25/2019 DC**

None ku wa mbere tariki ya 30 Ukuboza 2019, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera saa tatu zuzuye (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka kamonyi iyobowe na Perezida wayo Bwana NYONI E.Lambert. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama; yakomeje agaragaza abajyanama batitabiriye inama n'impamvu zabo aribo :

1.KARASIRA Ernest: Yagize impamvu z'akazi

2. HATEGEKIMANA Deogratias: Yagize impamvu y'uburwayi

3.BUTARE Leonard: Yagize impamvu y'uburwayi

4. MUNYANKUMBURWA Jean Marie : Impamvu y'uburwayi

5.NIYONSHIMA Josiane: Impamvu y'uko ari mu Itorero

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 26.09.2019

2.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama.

3. Kurebera hamwe raporo y'inama y'abaperezida

4.Kwemeza imishinga y'Akarere izasaba ko abaturage bimurwa 2019-2020 ( Expropriation )

5.Kwemeza imitungo y'Akarere izatezwa cyamunara

6.Kurebera hamwe raporo ya Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama

7. Ibindi

- Umwiherero w'abajyanama

IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

| N0 | INGINGO ZAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZ- KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | Kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 26.09.2019 | Abajyanama bemeje:<br>**1.** Inyandikomvugo y'inama yo kuwa 26.09.2019 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Komite Nyobozi | Ukuboza 2019 |
| II.<br><br>III. | Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama.<br><br>Kurebera hamwe raporo y'inama y'abaperezida | Nyuma yo kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama na raporo y'inama y'abaperezida;<br><br>Abajyanama bemeje ko:<br>**2.** Igihe abaturage bari barahawe cyo kubasonera ibihano n'inyungu z'ubukererwe ku birarane by'umusoro w'ubutaka kuva 2012 kugera kuwa 31 ukuboza 2019 cyongerwa kikagera 31 Mutarama 2020<br><br>**3.** Abajyanama bemeje | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Komite Nyobozi y'Akarere | Mutarama 2020 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ko Komite Nyobozi isuzuma ikanakemura ikibazo cya **NSABIMANA Daniel** wandikiye Inama Njyanama asaba ko Akarere kamwishyura amafaranga yakoreye ku muyoboro w'amazi wa Mbizi; | | | |
| V. | Kwemeza imishinga y'Akarere izasaba ko abaturage bimurwa 2019-2020 (Expropriation ) | **4.** Abajyanama bemeje ko Komite Nyobozi yategura ubukangurambaga bw'abaturage bose bagacukura imirwanyasuri mu mirima yabo mu rwego rwo kurwanya imirwanyasuri<br><br>**5.** Abajyanama bemeje urutonde rw'imishinga **4 ariyo:**<br><br>**1.Kubaka ikigo nderabuzima cya Kayumbu**<br><br>**2.Kubaka amazu y'abagenerwabikorwa ba FARG**<br><br>**3.Gukora umuhanda wa kaburimbo Ruyenzi-Gihara-Nkoto (Phase I)** | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi | Mutarama 2020-Kamena 2020 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **4.Gusana no kwagura umuyoboro w'amazi wa Mbizi.**<br><br>iyi mishinga ikaba izakorwa mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 ;bityo abaturage bafite ibikorwa aho izakorerwa bakazimurwa. | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi | Mutarama 2020-Kamena 2020 |
| **V.** | Kwemeza imitungo y'Akarere izatezwa cyamunara | **6**. Abajyanama bemeje Urutonde rw'imitungo 4 y'Akarere izatezwa cyamunara ariyo:<br><br>**1.Guest house Ijuru rya Kamonyi**<br><br>**2. ikibanza kiri mu murenge wa Kayenzi**<br><br>**3. inzu y'amatungo iri mu murenge wa Kayumbu**<br><br>**4.imisarani y'ahahoze isoko rya kamuhanda** | | | |
| **VI.** | Kurebera hamwe raporo ya Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama | - | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| VII. | Ibindi (Umwiherero w'Abajyanama) | 7. Abajyanama bemeje ko Umwiherero w'Abagize Inama Njyanama uzaba **tariki 16 kugera tariki 18** Mutarama 2020 | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Abajyanama bose | Mutarama 2020 |
| | **INGINGO ZAGANIRIWE NI :7** | **IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI: 7** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo isaa sita zuzuye (12h00); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

**Umwanditsi w'Inama**
**MUKANYANDWI Rose**

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**Umuyobozi w'Inama**
**NYONI E.Lambert**

**Perezida w'Inama Njyanama**

06/01/20